RSB
Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

Kigali: ..29/08/2024............

Reference: .863/RSB/DG/NSD/2024

**GUHAMAGARIRA ABABYIFUZA KWITABIRA AMAHUGURWA Y'UBURYO BWO GUKORA UBUGENZUZI KU KUNOZA IMIKORERE HASHINGIWE KU IBWIRIZA RY'UBUZIRANENGE RS ISO 19011: 2018**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa mu rwego rwo kwigisha mu buryo bwimbitse uburyo bwo gukora ubugenzuzi ku kunoza imikorere bishingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge (RS ISO 19011: 2018). Muri ayo mahugurwa, abazayitabira bazafashwa kumenya neza amahame agenderwaho mu kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza y'ubuziranenge, bazafashwa gusobanukirwa uko ubugenzuzi butegurwa, uko bukorwa n'uburyo bwo gukora raporo y'ibyavuye mu bugenzuzi mu rwego rwo gufasha kunoza imikorere hagendewe ku biteganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge.

Ubumenyi n'ubushobozi bizatangirwa muri ayo mahugurwa bizafasha abazayahabwa gusuzuma urwego ikigo cyabo kigezeho cyubahiriza ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge ndetse n' uburyo bwo gufata ibyemezo n'ingamba bikwiye mu kurushaho kunoza imikorere.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye amahugurwa yavuzwe haruguru azamara imi nsi ine (4) azatangira ku wa **16 kugeza 19 Nzeri 2024**, akazabera mu mujyi wa Kigali kuri **Grand Legacy Hotel.**

RSB irahamagarira ibigo ndetse n'abantu ku giti cyabo bifuza kwitabira aya mahugurwa kwiyandikisha buzuza ifishi iboneka ku murongo https://forms.gle/CkmugKHaD8WyRCmG6 bitarenze tariki ya **3 Nzeri 2024**. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwa kuzuriza buri wese ifishi.

Abazitabira aya mahugurwa bagomba kuba barahuguwe byibura kuri rimwe mu mabwiriza y'ubuziranenge ku kunoza imikorere (***Management system standards***).

Ku bijyanye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse ibindi bisobanuro, mwahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone ngendanwa **+250788212673** cyangwa mukamwandikira kuri email **dj.mukabayizere@rsb.gov.rw**.

Bikorewe i Kigali kuwa ..29/..8../2024

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB)
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**

**KK 15 Rd, 49 Kicukiro**
**Hotline: 3250**
**P.O.BOX 7099, Kigali-Rwanda**
**Email: info@rsb.gov.rw**
**Telephone: (+250)788303492**
**Website: www.rsb.gov.rw**